**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO: TB GASABO**

**ICYEMEZO GITEGEKA NDIKUMANA EMMANUEL WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

1. Twebwe MUGIRANEZA Wellars, umucamanza mu rukiko Rwisumbuye rwa GASABO, dufashijwe na UWIRIYINGIYIMANA Dative Umwanditsi muri uru rukiko, bagize inteko iburanisha urubanza RP 00303/2022/TGI/GSBO haburana ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Gasabo na **NDIKUMANA Emmanuel** utitabye maze ubushinjacyaha bukagaragaza ko yatorotse ubutabera kuko atigeze abazwa mu nzego zose;
2. Tumaze kubona ko **NDIKUMANA Emmanuel** mwene UWIHOREYE na Yesaya wari utuye mu Mudugudu wa Kanombe, Akagari ka Murambi, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Bugesera, Intara y'iburasirazuba atitabye kubera yatorotse ubutabera;
3. Dushishingiye ku ngingo ya 160 y'itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko "*Iyo ukurikiranyweho icyaha atashoboye gufatwa kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera, yaba ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga, Ubushinjacyaha bumukorera dosiye bukayishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha n'ubwo yaba atarabajijwe. Nyuma yo gushyikirizwa dosiye, urukiko rufata icyemezo kimutegeka kwitaba mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko.*"

**KUBERA IZO MPAMVU ZOSE,**

4. Dutegetse ko **NDIKUMANA Emmanuel** mwene UWIHOREYE na Yesaya wari utuye mu Mudugudu wa Kanombe, Akagari ka Murambi, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Bugesera, Intara y'iburasirazuba azitaba urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 08/6/2023 saa 9h00 za mugitondo atakwitaba akaburanishwa adahari;
5. Dutegetse kandi ko iki cyemezo kimanikwa kubiro by'urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo mu gihe cy'ukwezi kandi kigatangazwa mu mvaho shya;

Nuko byemejwe kandi bifatiwe mu ruhame mu Rukiko Rwisumbuye rwa GASABO none kuwa 04 Gicurasi 2023, inteko igizwe na:

| | |
|---|---|
| **MUGIRANEZA Wellars** | **UWIRIYINGIYIMANA Dative** |
| Umucamanza | Umwanditsi |